

RWANDA / JUDGMENT

Re NZANIRA GASHEREBUKA

RCA 00003/2021/CA

COURT

Court of Appeal

DECIDED

14 December 2021

CASE / FILE NUMBER

RCA 00003/2021/CA

Source: amategeko.gov.rw · Research copy typeset by Esheria. Not court-issued or certified.

Re NZANIRA GASHEREBUKA

- Source: Amategeko
- Section: Decisions (Judgements)
- Date: 2021-12-14
- Case/document no.: RCA 00003/2021/CA
- Collection: Court of Appeal

Text

Page 1

NZANIRA GASHEREBUKA Re. [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCA 00003/2021/CA (Munyangeri, P.J.) 14/12/2021] Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano – ikirego gisaba ko ibyemezo byafatiwe mu mahanga birangirizwa mu Rwanda – ibyemezo byafatiwe mu mahanga birangirizwa mu Rwanda bigomba kuba ari ibya burundu – Kuba hari imanza zahujwe hakagira n'ibyemezo by'agateganyo bifatwamo mu nkiko zo mu mahanga ntabwo umuburanyi yasaba ko ibyo byemezo birangirizwa mu Rwanda. incamake y'ikibazo: Uru rubanza rushingiye ku rubanza rw'ubutane n'ibindi byemezo by'agateganyo byarufashemo rwabereye mu gihugu cy'Ububirigi, Nzanira Gasherebuka yarezemo Poppe Honorine, nyuma yuko izo manza ziciwe, Nzanira Gasherebuka yatanze ikirego mu Rukiko Rukuru, arusaba kwemeza ko izo manza zirangirizwa mu Rwanda avuga ko muri izo manza yemerewe guhabwa abana, ko kandi ibyo byemezo byamaze kuba itegeko. Ko kuba ibyo yatsindiye byarategetswe n'inkiko zo mu mahanga kandi Poppe Honorine ufite abana ari mu Rwanda, ari yo mpamvu yatanze ikirego asaba kwemeza ko imanza zirangirizwa mu Rwanda. Poppe Honorine yagobotse muri urwo rubanza asaba Urukiko Rukuru kwemeza ko imanza zaciwe n'inkiko zo mu Bubiligi zitarangirizwa mu Rwanda. Urukiko Rukuru rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Nzanira

Gasherebuka nta shingiro gifite, ko imanza zivugwa zitarangirizwa mu Rwanda. Nzanira Gasherebuka yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ubujurire, arusaba guhindura urubanza rujuririrwa kuko Urukiko Rukuru rwari rukwiye kwemeza ko imanza zaciwe n'inkiko zo mu Bubiligi zirangirizwa mu Rwanda, ariko ntirwabikora. Urukiko rw'Ubujurire rwemeje ko izo manza zidashobora kurangirizwa mu Rwanda kuko ibyemezo byazifashwemo ari agateganyo. Incamake y'icyemezo :1. Kuba hari imanza zahujwe hakagira n'ibyemezo by'agateganyo bifatwamo mu nkiko zo mu mahanga ntabwo umuburanyi yasaba ko ibyo byemezo birangirizwa mu Rwanda. Kugirango bene izo manza zisabirwe kurangirizwa mu Rwanda zigomba kuba zaraciwe ku buryo bwa burundu.

2. ikirego gisaba ko ibyemezo byafatiwe mu mahanga birangirizwa mu Rwanda gitangwa mu buryo bw'inyandiko nsobanura kirego itanzwe n'umuburanyi umwe. Bityo kuba ku kiburanisha byakurura impaka ntabwo yaba impamvu yo kutacyakira kuko ntacyo urukiko ruba rusabwa gutegeka uwarubayemo umuburanyi usibye kureba ko icyo cyemezo cyujuje ibiteganywa n'amategeko ngo kirangirizwe mu Rwanda. Urubanza I. IMITERERE Y'URUBANZA [1] Nzanira Gasherebuka David yashakanye na POPPE Honorine mu buryo bwemewe n'amategeko, batura gihugu cy'Ububiligi. Baje kugirana imanza zanditse kuri n° 18/1665/A na n° 2019/FA/626 zicibwa n'inkiko z'aho mu Bubiligi. Nzanira Gasherebuka David yatanze ikirego mu

Page 2

Rukiko Rukuru, cyandiikwa kuri RC00020/2021/HC/KIG, arusaba kwemeza ko izo manza zirangirizwa mu Rwanda (exequatur). Yasobanuye ko muri izo manza yemerewe gukoresha wenyine ububasha bwa kibyezi, guhabwa abana babiri yabyaranye na Poppe Honorine no kubafatira ubufasha bagenerwa na Leta, ko kandi ibyo byemezo byamaze kuba itegeko. Asobanura ko kuba ibyo yatsindiye byarategetswe n'inkiko zo mu mahanga kandi Poppe Honorine ufite abana ari mu Rwanda, ari yo mpamvu yatanze ikirego asaba kwemeza ko imanza n° 18/1665/A na n° 2019/FA/626 zirangirizwa mu Rwanda (exequatur). [2] Poppe Honorine yagobotse muri urwo rubanza asaba Urukiko Rukuru kwemeza ko imanza n° 18/1665/A na n° 2019/FA/626 zaciwe n'inkiko zo mu Bubiligi zitarangirizwa mu Rwanda. Ku wa 09/08/2021, Urukiko Rukuru rwakijije urwo rubanza, rwemeza ko ikirego cyatanzwe na Nzanira Gasherebuka David nta shingiro gifite, ko kandi imanza n° 18/1665/A na n° 2019/FA/626 zitarangirizwa mu Rwanda. [3] Ku wa 11/08/2021 Nzanira Gasherebuka David yajuririye urubanza RC00020/2021/HC/KIG muri uru Rukiko, ikirego cye cyandikwa kuri RCA00003/2021/CA, arusaba guhindura urubanza rujuririrwa kuko Urukiko Rukuru rwari rukwiye kwemeza ko imanza N°18/1665/A na N°2019/FA/626 zaciwe n'inkiko zo mu Bubiligi zirangirizwa mu Rwanda, ariko ntirwabikora. [4] Urubanza RS/INJUST/RCOM 00004/2021/CA rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 01/12/2021, Nzanira Gasherebuka David yunganiwe na Me Nkeza S.Clément na Me Nsengiyumva Niyondora, naho Poppe Honorine yunganiwe na Me Munyaneza Remy. II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO Kumenya niba bidashoboka ko imanza n°18/1665/A na n°2019/FA/626 zaciwe n'inkiko zo mu Bubiligi zirangirizwa mu Rwanda. [5] Me Niyondora Nsengiyumva na Me Nkeza S. Clément bunganira Nzanira Gasherebuka David bavuga ko ingingo ya 250 y'Itegeko N°

22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iteganywa ko, "Uretse mu gihe haba hari amasezerano mpuzamahanga abivugaga ukundi, imanza zaciwe n'inkiko zo mu mahanga n'inyandikomvaho zo mu mahanga zakozwe n'ababigenewe ntizishobora kurangizwa mu Rwanda zitemejwe n'Urukiko rubifitiye Ububasha". Basobanura ko mu gika cya 13 cy'urubanza RC00020/2021/HC/KIG rujuririrwa, Urukiko Rukuru rwashingiye ku biteganywa n'ingingo ya 44 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko rushingira no ku ngingo ya 725 bis ya code judiciaire belge igaragara mu rubanza rw'ubutane, ruvugaga ko amategekako avugaga ko ibirego bihurizwa muri dosiye imwe yitwa "dossier familial", maze rwemeza ko bidashoboka ko izo manza zirangirizwa mu Rwanda (exequatur) mu gihe atabisabiye hamwe n'urubanza rw'ubutane rwazibumbiye hamwe zikaba dosiye imwe yitwa "dossier familial", rwirengagije ibisobanuro batanze kuri iyi ngingo, byuko jonction ivugwa yarebanaga gusa n'imicungire ya dosiye (Classement), aho kurebana n'imiburanishirize y'imanza, ko kandi guhuza izo manza mu buryo bw'imiburanishirize yazo bitashobokaga kuko imanza zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda zari zitakiburanishwa, kubera ko iburanisha ry'ikirego cy'ubutane cyatanze na

Page 3

Nzanira Gasherebuka David ryatangiyemo mu kwezi kwa Gicurasi 2021, naho imanza zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda zikaba zaraciwe bwa nyuma mu kwezi kw'Ugushyamba 2020. [6] Bakomeza bavugaga ko Urukiko Rukuru rutagaragaje isano iri hagati ya jonction iteganywa n'ingingo ya 725 bis du Code Judiciaire belge n'ibisabwa mu ngingo ya 44 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, maze rugasesengura nabi ingingo ya 725 bis Code Judiciaire belge, aho igira iti: «§ 1er. Sans préjudice des dispositions du présent chapitre, les demandes soumises au tribunal de la famille entre des parties qui, soit ont au moins un enfant mineur commun, soit sont ou ont été mariées, soit sont ou ont été cohabitants légaux sont jointes en un seul dossier appelé dossier familial. Sont elles aussi jointes au dossier familial visé à l'alinéa 1er, les causes relatives à un enfant dont la filiation n'est établie qu'à l'égard d'un seul parent, ainsi que les causes relatives aux relations personnelles visées à l'article 375 bis du Code civil. § 2. Le dossier familial est ouvert dès la première demande introduite au tribunal de la famille. Sous réserve des numéros de rôle attribués à toute cause conformément à l'article 720, il est attribué un numéro spécifique au dossier familial. Ce numéro est mentionné sur tous les actes introductifs d'instance, conclusions et autres pièces du dossier. Sous réserve des éléments visés à l'article 721, le dossier familial est composé de toutes les causes successives concernant les mêmes parties et leurs enfants communs nés ou à naître. En cas de renvoi d'un tribunal de la famille à un autre, conformément à l'article 629 bis, § 7, le dossier familial complet est transféré sans délai. » [7] Bavugaga ko jonction ivugwa muri iyi ngingo itandukanye cyane n'imenyerewe mu Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iteganyijwe gusa ku manza zitarabwirwa ziri mu rukiko rumwe cyangwa mu nkiko zitandukanye, ikorwa kugira ngo hirindwe ko hafatwa ibyemezo bivuguruzanya, ku kiburanwa kimwe cyangwa ku biburanwa bifitanye isano. Bakomeza bavugaga ko Urukiko Rukuru rwitiranije jonction administrative irebana

n'imicungire y'amadosiye y'imiryango (classement) ivugwa mu ngingo ya 725 bis Code Judiciaire belge na jonction judiciaire ikorwa mu rwego rwo kuburanishiriza imanza hamwe, iteganywa mu mategeko yerekeye imiburanishirize y'imanza mu Rwanda, bigatuma rwemeza ko nta rangizwa ry'imanza n°18/1665/A na n°2019/FA/626 rishoboka mu gihe bidasabiwe hamwe na "exequatur" y'urubanza rw'ubutane yita ko rwazibumbiye muri dosiye imwe yitwa "dossier familial", kuki iyo myumire y'Urukiko Rukuru itandukanye n'ibiteganywa n'ingingo ya 725 ya code judiciaire belge, bakaba basaba Urukiko rw'Ubujurire kubikosora. [8] Bavuga kandi ko hari ibirego bibiri by'ubutane, kimwe cyatanzwe na Poppe Honorine (n°18/1665/A) akaza kureka urubanza, maze hagasuzumwa gusa ikirego kiregera kwiregura cyatanzwe na Nzanira Gasherebuka David muri urwo rubanza, hakaba n'ikindi kirego cy'ubutane cyatanzwe na Nzanira Gasherebuka David (gifite n°20/1494/A cyatangiye kuburanishwa muri Gicurasi 2021, nyuma y'amezi atandatu inzira y'ubujurire ku kirego cy'ubutane cyatangijwe na Poppe Honorine irangiye (n°2019/FA/626), aho yajuririraga urubanza n° n°18/1665/A, ko icyo Urukiko rwagombaga kwibaza ari ukumenya icyari kigamijwe mu guhuza ikirego kikiburanishwa cy'ubutane cyatanzwe na Nzanira Gasherebuka David, n'imanza zaciwe burundu (n°18/1665/A na n°2019/FA/626), ko kandi Urukiko rusuzuma ibibazo ruba rwashyikirijwe n'ababuranyi, hanyuma rugafata icyemezo kuri buri kibazo, ariko ko atari ko byagenze.

Page 4

- [9] Bongeraho ko mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, hateganywa ko hashyirwaho numero yihariye ya dosiye y'umuryango, kandi ko igomba kugaragara kuri buri nyandiko itangiza ikirego, kuri buri mwanzuro na buri kimenyetso. (Sous réserve des numéros de rôle attribués à toute cause conformément à l'article 720, il est attribué un numéro spécifique au dossier familial. Ce numéro est mentionné sur tous les actes introductifs d'instance, conclusions et autres pièces du dossier, ko iyo ngingo ikomeza isobanura ko ibigize dosiye y'umuryango ari imanza zikurikirana zireba ababuranyi n'izireba abana babyaranye ndetse n'iz'abazabakomokaho. "Sous réserve des éléments visés à l'article 721, le dossier familial est composé de toutes les causes successives concernant les mêmes parties et leurs enfants communs nés ou à naître," ko rero Urukiko Rukuru rutari kuvuga ko guhuriza imanza muri dosiye y'umuryango bituma zifatwa nk'izitaracibwa burundu, ko ahubwo rwari kwibaza niba mu gihe haramuka hatanzwe ikindi kirego cy'umuryango cyatuma imanza zakibanjirije zireba abagize uwo muryango zongera gufatwa nk'izitaraba itegeko, n'iyi zaba zimaze nk' imyaka ijana n'abaziburanye batakiraho. Basobanura ko iyo rwibaza ibyo bibazo, rutari gufata icyemezo rwafashe ku myumviye y'ingingo ya 725 ya code judiciaire belge yavuzwe haruguru. [10] Basoba, basaba Urukiko rw'Ubujurire kuzabona ko jonction yakoreshejwe mu manza zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda itari igamije kuzigarura mu rubanza Nzanira Gasherebuka David yatangiye nyuma yuko zicibwa burundu, ko kandi rutazisuzumye ngo rugire icyemezo ruzifataho, ku buryo bitashoboka kuzirangiza zitari hamwe narwo, bityo ko Urukiko rw'Ubujurire rukwiye kwakira ikirego cy'ubujurire cyatanzwe na Nzanira Gasherebuka David no kwemeza ko gifite ishingiro, kwemeza ko urubanza rujuririrwa ruhindutse mu ngingo zarwo zose no gutegeka ko imanza N° 18/1665/A na N° 2019/FA/626

zaciwe n'inkiko zo mu Bubiligi zirangirizwa mu Rwanda (Exequatur). [11] Me Munyaneza Remy wunganira Poppe Honorine wagobotse mu rubanza avuga ko koko mu gika cya 13 cy'urubanza rujuririrwa Urukiko Rukuru rwashingiye ku ngingo ya 44, 2° y'itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, iteganya ko kugira ngo urubanza rusabirwe kurangirizwa mu Rwanda rugomba kuba ari urubanza rwaciwe burundu hakurikijwe amategeko y'igihugu rwaciriwemo, ko ariko Nzanira Gasherebuka David atagaragaza ko urubanza rufite n°18/1665/A n'ubujurire bwarwo n° 2019/FA/626 zaciwe burundu mu gihugu zaciriwemo, ko kandi izo manza zigomba kuba ziriho kashe mpuruza nk'uko iteganywa n'iteka ry'umwami w'ababiligi (Arrêté Royal du 21 juillet 2013 Publié le 21 juillet 2013_ https://www.etaamb.be/fr/arrete-royal-du-21-juillet-2013_n2013009361.html), ko ahubwo rwari urubanza rw'agateganyo nk'uko byagaragajwe mu rubanza rujuririrwa, ndetse ko binanditse muri urwo rubanza haba ku rwego rwa mbere no mu bujurire bwarwo. [12] Asobanura ko urubanza n°18/1665/A rwaciwe tariki ya 18/11/2019 n'Urukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Namur ishami riburanisha imanza z'umuryango rwafashe ibyemezo bw'agateganyo, rwemeza ko bwana Nzanira Gasherebuka David na Madame Poppe Honorine baba ahantu hatandukanye by'agateganyo, rwemeza kandi by'agateganyo mu gace karwo ka 5 “ mesures provisoires” , ko abana babiri babyaranye aribo Nzanira Poppe Charles na Nzanira Poppe Adèle barerwa n'ababyeyi babo (l'autorité parentale sera exercée conjointement), ko abana baba banditse (domicilés) aho se yanditse mu gihugu cy'Ububiligi, ko kandi no mu myandikire y'icyo cyemezo bigaragara ko cyari icy'agateganyo, aho ahagana hasi bigaragara ko urubanza ruzakomeza, ababuranyi bose bategekwa kuzaba bahibereye mu iburanisha rikurikiraho n'ibindi ; ko naho mu

Page 5

rubanza rwahawe n° 2019/FA/626, Urukiko rw'Ubujujire rwa Liège mu cyemezo cyarwo cyo ku wa 25/11/2020, mu gace karwo ka 3.4 mesures provisoires, rwongeye kwibutsa ko ibyemezo byafashwe ari iby'agateganyo, maze rwemeza ko ubujurire bwa Poppe Honorine nta shingiro bufite, bityo ko hakomeza kubahirizwa ibyemezo by'agateny. [13] Ku bijyanye no kuvuga ko Urukiko rutagaraje isano iri hagati ya jonction iteganywa n'ingingo ya 725 bis du Code Judiciaire belge n'ibisabwa mu ngingo ya 44 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, avuga ko ntaho bihuriye, kuko icyo urukiko rwasuzumye ari ibyerekeranye n'ibisabwa n'ingingo ya 44 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, rukaba rutari gusuzuma amategeko y'ababiligi kandi atari yo akurikizwa muri exequatur, ko nk'uko n'Urukiko Rukuru rwabibonye, bidashoboka ko imanza zivugwa zirangirizwa mu Rwanda, kuko hari urubanza rwazihuriye hamwe rufite N° 20/1494/A rwaciwe burundu, ariko akaba atari rwo Nzanira Gasherebuka David asaba ko rwarangirizwa mu Rwanda yigiza nkana, kuko mu gutanga ikirego yari azi neza ko imanza asabira exequatur zari iz'agateganyo, ko ari nayo mpamvu zahujwe n'urubanza rw'ubutane. [14] Avuga ko imanza N° 18/1665/A na N° 2019/FA/626 zaciwe n'inkiko zo mu Bubiligi zitagomba kurangirizwa mu Rwanda kubera ko muri izo manza inkiko zemeje ko ibyemezo bizikubiyemo ari iby'agateganyo, Nzanira Gasherebuka David mu rubanza rw'ubutane yongeye gusaba kurera abana kandi yari yarabihawe mu manza asabira ko

zirangirizwa mu Rwanda, ibyo bikaba bigaragaza ko nawe yari azi ko ibyemezo bireba abana bizikubiyemo ari iby'agateganyo. [15] Akomeza avuga ko kuba mu nyandiko itanga ikirego cy'ubutane cyanditswe kuri n° 20/1494/A, ku itariki ya 28/09/2020 Nzanira Gasherebuka David yarasabye Urukiko gufata icyemezo ku burenganzira n'inshingano z'ababyeyi ku bana, nk'uko bigaragara mu rubanza rw'ubutane rwaciwe burundu tariki ya 02/06/2021, aho urukiko rwibukije ko hari ibyo yarusabye mu magambo akurikira: « Par requête du 28 septembre 2020 (RG n°20/1494/A), Monsieur Nzanira a sollicité que le divorce soit prononcé entre les parties et que les droits et obligations à l'égard des enfants en communs soient fixés. Par son avis du 29 septembre 2020, Monsieur le Procureur du Roi a fait savoir qu'il s'en remettait à la sagesse du tribunal », nabyo bituma imanza N° 18/1665/A na N° 2019/FA/626 zaciwe n'inkiko zo mu Bubiligi zitagomba kurangirizwa mu Rwanda. [16] Asobanura ko ugenekereje mu kinyarwanda Nzanira Gasherebuka David yasabye ubutane anasaba ko Urukiko rufata icyemezo cya burundu ku byerekeye inshingano n'uburenganzira ku bana, ko kubera ko mu manza zirimo abana, Ubushinjacyaha bugomba kugira icyo buvuga, bukaba bwaravuze ko bubihariye ubushishozi bw'urukiko, ibisobanuro Nzanira Gasherebuka David atanga kuri "Jonction" iteganywa n'ingingo ya 725 ya code judiciaire belge atari byo, ndetse ko n'Urukiko rw'Umuryango rwa Namur mu Bubiligi atari ko rwabisobanuye ubwo rwahuzaga imanza. [17] Asobanura kandi ko mu isesengura ry'urubanza n° 20/1494/A (II. Motivation), mu gace ka 6 kerekereye na procédure, Urukiko rw'umuryango rwa Namur rwafashe icyemezo cyo guhuza urubanza n° 18/1665/A ku kirego cyatanze mu rukiko tariki ya 08/10/2018 n'urwo rubanza n° 20/1494/A ku kirego cyatanze tariki ya 28/09/2020 kubera ko zitari zakarangiyeye mu magambo akurikira : 6. procédure « dès lors que le contentieux familial est désormais géré par le tribunal de la famille et que l'article 725 bis du code judiciaire précise que les demandes qui lui sont soumises sont jointes en un seul dossier appelé 'dossier familial, il convient dans l'intérêt d'une bonne

Page 6

justice, de joindre les différents dossiers encore pendants, les parties et le greffe étant dispensés des formalités prévues à l'article 750 du code judiciaire. Pour des raisons évidentes de connexité, il y'a lieu de joindre d'office, les causes opposant les mêmes parties inscrites sous les numéros du rôles 18/1665/A (procédure introduite par requête du 8 octobre 2018) et 20/1494/A (procédure introduite par requête du 28 septembre 2020). », ko ugenekereje mu kinyarwanda, bivuze ko Urukiko rwahuje urubanza N° 18/1665/A rukomoka ku kirego cyatanze tariki ya 08/10/2018 rugaragaza ko iyo dosiye yari itararangira (encore pendant) n'urubanza rw'ubutane n°20/1494/A kubera isano bifitanye (Jonction d'office pour des raisons de connexité). [18] Asobanura na none ko urubanza rw'ubutane n°20/1494/A rwabaye hagati ya Nzanira Gasherebuka David na Poppe Honorine rwaciwe burundu ku wa 02/06/2021 n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Namur kandi ko kuri ubu rwabaye itegeko, ko nyuma yo guhuza imanza zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda n'urw'ubutane, Urukiko rwafashe icyemezo ku butane no ku mitungo gusa, ariko ko ku byerekeye uburenganzira n'inshingano ku bana rwavuze ko atari ngombwa ko ababyeyi bakurikiza icyemezo cy'umucamanza, ko ahubwo mu nyungu z'abana ababyeyi bakwiye kumvikana mbere mu buryo butomoye mu nyandiko, ko rero impamvu Nzanira Gasherebuka David yatanze ikirego

asaba kurangiriza mu Rwanda imanza z'agateganyo n° 18/1665/A na n°2019/FA/626, kandi hari urubanza n° 20/1494/A rwaciwe burundu ku wa 02/06/2021 izo manza zahurijwemo itumvikana, kuko icyemezo cyarwo cyasimbuye ibyari agateganyo. [19] Asaba ko urubanza n° 18/1665/A rwaciwe tariki ya 18/11/2019 rwajuririwe kuri n° 2019/FA/626 rugacibwa kuwa 25/11/2020 rutarangirizwa mu Rwanda kubera ko runyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda, ndetse n'ingingo ya 44, agace ka 1° n'aka 2° y'itegeko N°30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, iteganya ko : "Urukiko Rukuru ruburanisha ibirego bisaba kurangiriza mu Rwanda imanza cyangwa ibyemezo byafashwe n'Inkiko zo mu mahanga harebwa:1° ko urubanza rwaciriwe mu mahanga rutanyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda ;2° ko urubanza rwaciwe burundu hakurikijwe amategeko y'igihugu rwaciriwemo, [.....]" [20] Avuga ko indi mpamvu ituma izo manza zidakwiye kurangirizwa mu Rwanda ari uko mu kwezi kwa 6/2019 inkiko z'u Rwanda zafashe icyemezo cy'agateganyo giha Poppe Honorine inshingano zerekeranye n'uburere bw'abana kikamenyeshwa inkiko z'Ububiligi, hanyuma mu kwezi kwa 11/2019 zikakirengaho zigafata ibindi byemezo by'agateganyo (mesures provisoires) kuri icyo kibazo, zigaha se Nzanira Gasherebuka David inshingano zo kwita ku burere bw'abana, zinyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda, ko ibyemezo byafatiwe mu Rwanda ari byo bikomeza kubahirizwa. Asoza asaba Urukiko rw'Ubujurire kuzashingira ku ngingo ya 44, 2° y'Itegeko n°30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko rukemeza ko irangizwa ry'imanza zavuzwe haruguru ridashoboka mu Rwanda. Uko Urukiko rubibona [21] Ingingo ya 44, y'Itegeko N°30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko mu gice cyerekeye ububasha ku rwego rwa mbere bwo kwakira ibirego by'irangizwa ry'imanza

Page 7

n'ibyemezo by'inkiko n'inyandiko mpamo byafatiwe mu mahanga, iteganya ko Urukiko Rukuru ruburanisha ibirego bisaba kurangiriza mu Rwanda imanza cyangwa ibyemezo byafashwe n'Inkiko zo mu mahanga. Isuzumwa ry'urwo rubanza rikorwa harebwa ibi bikurikira: 1° ko urubanza rwaciriwe mu mahanga rutanyuranyije n'amategeko rusange ndemyagihugu n'amahame ashingiweho n'amategeko y'u Rwanda; 2° ko urubanza rwaciwe burundu hakurikijwe amategeko y'igihugu rwaciriwemo; 3° ko kopi y'urubanza yujuje ibyangombwa byose byemeza ko ari impamo, hakurikijwe ayo mategeko; 4° ko uburenganzira bwo kwiregura bwubahirijwe. [22] Dosiye y'urubanza igaragaza ko imanza n° 18/1665/A na n° 2019/FA/626 zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda zahurijwe mu rubanza rumwe rw'ubutane n°20/1494/A kubera ubusobekerane bwazo (connexité), rwaciwe ku wa 02/06/2021 n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Namur hagati ya Nzanira Gasherebuka David na Poppe Honorine. [23] Mu rubanza rw'ubutane n°20/1494/A ruvuzwe haruguru, Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Namur rwemeje ko izo manza zihujwe kubera ko zitaracibwa burundu (encore pendants) ku bw'inyungu z'ubutabera, bikaba bigaragara ko igihe cyose zitarahuzwa n'urubanza rw'ubutane zifatwa nk'izaciwe by'agateganyo. [24] Urukiko Rukuru, mu rubanza rujuririrwa, rwemeje ko imanza n° 18/1665/A na n° 2019/FA/626 zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda zahurijwe mu rubanza rumwe rw'ubutane, aho bigaragara mu gice

cyarwo cyiswe "procedure" no mu cyemezo cy'urubanza rw'ubutane ahanditse "ordonne d'office la jonction", maze rwanzura ko nta rangizwa ry'imanza n° 18/1665/A na n° 2019/FA/626 rishoboka mu gihe hatabayeho ko bisabirwa hamwe na "exequatur" y'urubanza rw'ubutane rwazibumbiye hamwe ikaba dosiye imwe yitwa "dossier familial". [25] Urukiko rurasanga, kuba urubanza rw'ubutane rwabaye hagati ya Nzanira Gasherebuka David na Poppe Honorine rwaciwe ku wa 02/06/2021 n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Namur rwarongeye kugaruka ku manza n° 18/1665/A na n° 2019/FA/626 zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda, rukazihuriza mu rubanza rumwe n°20/1494/A , ari uko zari imanza z'agateganyo, gusaba ko zirangirizwa mu Rwanda mu gihe hari urubanza rw'ubutane ruvuzwe haruguru izo manza zahuriyemo, byaba ari ukunyuranya n'ibiteganywa n'ingingo ya 44, igika cya 2 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, iteganya2° ko hasuzumwa ko urubanza rusabirwa kurangirizwa mu Rwanda rwaciwe burundu hakurikijwe amategeko y'igihugu rwaciriwemo..., kuko urubanza rw'ubutane rwasimbuye imanza zari iz'agateganyo, bityo akaba ari rwo rwagombye gusabirwa kurangirizwa mu Rwanda, nkuko Urukiko Rukuru rwabibonye. Ku bijyanye n'ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Poppe Honorine bugamije gusuzuma niba Urukiko Rukuru rwaragombaga kwakira ikirego cyatanzwe na Nzanira Gasherebuka David. [26] Me Munyaneza Remy wunganira Poppe Honorine, mu bujurire bwuririye ku bundi, asaba Urukiko rw'Ubujurire kwemeza ko Urukiko Rukuru rutagombaga kwakira ikirego cyatanzwe na Nzanira Gasherebuka David, kubera ko cyarimo impaka, akaba yarabirenzeho akagitanga mu buryo

Page 8

bwa "requete unilaterale" asaba "exequatur" nk'uko bigaragara mu miburanire y'urubanza rujuririrwa ndetse no mu myanzuro. [27] Avuga kandi ko Nzanira Gasherebuka David atigeze agaragaza ubwihutirwe icyo kirego cyari gifite, mu gihe itegeko riteganywa ko iyo nzira ikurikizwa ku birego bidafite impaka, bifatwamo ibyemezo by'agateganyo, kandi byihutirwa, ari byo bikubiye mu ngingo ya 189 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, iteganya ko : "Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe ni uburyo budasanze bwo kuregera umucamanza umusaba kugira ibyo aramira mu buryo bwihuse. Ibikubiye muri iyo nyandiko bigomba kandi kuba ari ibibazo bigaragara ko nta mpaka biteye ku buryo byaba ngombwa ko undi muburanyi ahamagarwa. Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe ishobora gukoreshwa mu bibazo byose bisaba ko hafatwa icyemezo cyihuse bitari ngombwa ko habanza gutangwa ikirego cy'iremezo". [28] Me Nkeza S.Clément na Me Nsengiyumva Niyondora bunganira Nzanira Gasherebuka David bavuga ko ubujurire bwuririye ku bundi bwa Poppe Honorine nta gaciro bwahabwa kubera ko kuvuga ko ikirego kitagombaga kwakirwa kuva kurwego rwa mbere, kuko harimo impaka zituma cyaragombaga gutangwa nk'ikirego gisanze, nta shingiro bifite kuko nta mpaka zihari. Basobanura ko icyo Nzanira Gasherebuka David yasabaga Urukiko Rukuru ndetse anasaba Urukiko rw'Ubujurire atari ugusuzuma izo manza mu mizi cyangwa ireme ry'ibyemezo byazifatwemo, ko ahubwo izo manza zatangijwe na POPPE Honnorine, ziraburanwa kugeza zibaye itegeko (res judicata), akaba nta mpamvu n'imwe yari ihari yari gutuma aregwa kuko yatsinzwe kandi nawe akaba atabihakana. Ikindi bavuga nuko nta

n'icyo Nzanira Gasherebuka David yifuza ko urukiko rutegeka Poppe Honnorine, ko igisabwa urukiko ari ugusuzuma niba imanza zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda zujuje ibisabwa n'ingingo ya 44 y'itegeko n°30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ibi kandi bikaba bidasaba kugira uwo Nzanira Gasherebuka David arega. [29] Ku bivugwa na Poppe Honnorine n'umwunganira ko nta bwihutire buhari, ko ikirego kinyuranyije n'ingingo ya 189 al. 1 y'itegeko no 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ibi nabyo bavuga ko nta shingiro bifite kuko ubwihutire buhari kubera ko urubanza rugomba kurangizwa, abana bagahabwa Nzanira Gasherebuka David nkuko byategetswe n'inkiko mu manza zisabirwa kurangizwa, akaba nta kindi cyakwitwa ko cyihutirwa mu manza z'umuryango kurusha kurengera inyungu z'abana (intérêts supérieurs de l'enfant), cyane ko iyo urubanza rwose rubaye itegeko kururangiza ubwabyo ari ubwihutire kandi nibwo butabera. [30] Ku bijyanye n'ubusobanuro bw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe, basobanura ko ikirego cyujuje ibiteganywa n'ingingo ya 189, igika cya 1 y'itegeko N° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru, bikaba bivuze ko nta mpaka zihari mu mizi y'imanza zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda, kandi ubwihutire bukaba bwigaragaza. Uko Urukiko rubibona

Page 9

[31] Ingingo ya 189 y'Itegeko N° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, iteganya ko : "Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe ni uburyo budasanzwe bwo kuregera umucamanza umusaba kugira ibyo aramira mu buryo bwihuse. Ibikubiye muri iyo nyandiko bigomba kandi kuba ari ibibazo bigaragara ko nta mpaka biteye ku buryo byaba ngombwa ko undi muburanyi ahamagarwa. Inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe ishobora gukoreshwa mu bibazo byose bisaba ko hafatwa icyemezo cyihuse bitari ngombwa ko habanza gutangwa ikirego cy'iremezo". [32] Urukiko Rukuru rwemeje ko hari impamuka hagati y'ababuranyi, kuko Nzanira Gasherebuka David n'abamwunganira bavuga ko imanza n° 18/1665/A na n° 2019/FA/626 zaciwe burundu, mu gihe Poppe Honorine n'abamwunganirye bavuga ko izo manza ari iz'agateganyo, ariko Urukiko rurasanga nta cyari kubuza Urukiko Rukuru kwakira ikirego cya Nzanira Gasherebuka David, kuko ntacyo yasabaga Urukiko gutegeka Poppe Honorine, kubera ko iyo ataza kurugobokamo ku bushake, Urukiko Rukuru rwari gusuzuma gusa niba imanza zisabirwa kurangirizwa mu Rwanda zubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 44, y'Itegeko N°30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, bivuze ko gusaba ko imanza zirangirizwa mu Rwanda, bitari ngombwa ko Nzanira Gasherebuka David ahamagaza Poppe Honorine mu rubanza rwa exequatur, kuko atariwe yabiregaga ngo noneho bitume yaruhamagazwamo. ICYEMEZO CY'URUKIKO [33] Rwemeje ko ubujurire bwatanze na Nzanira Gasherebuka David nta shingiro bufite. [34] Rwemeje ko urubanza RC00020/2021/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru kuwa 9/8/2021, rudahindutse. [35] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwatanze na POPPE Honorine nta shingiro bufite; [36] Rutegetse ko amagarama y'urubanza aherera ku isanduku ya Leta.

Source & reproduction note

Judgment wording, source notices and original paragraph numbers are retained. Esheria supplies the layout and this PDF's page numbers; these are not the source pagination. This is a research copy, not an official or certified court document. Check quotations, citations and publication restrictions against the original source before relying on it.

ORIGINAL SOURCE <https://www.amategeko.gov.rw/view/doc/7117/7396>

CASE PAGE <https://chat.esheria.ai/case-law/rwanda/nzanira-gasherebuka-david-v-poppe-honorine-exequaturofforeignjudgments-court-of-appeal-2021>

Prepared on 13 October 2026 · Esheria